



Amajwi y'utunyoni twa mu gitondo

Lyden av fugler om morgenen

✎ LIDA Portugal

👤 Vilius Aistis Vilimas

💬 Abisange Iragena Sandrine

📶 5

💬 Ikinyarwanda / norsk



Yulia, umugabo we n'umukobwa wabo muto bari batuye mu gace gato, gatuje k'icyaro muri Ukraine. Yulia yakundaga gukangurwa n'utunyoni turirimba buri gitondo. Ntabwo yigeze atekereza ko yatura kure y'umuryango we, cyangwa ngo abeho atumva amajwi y'utunyoni mu gitondo.

...

Yulia, mannen hennes og den lille datteren deres bodde i et lite, rolig tettsted i Ukraina. Yulia likte veldig godt å våkne hver morgen til lyden av fugler. Hun trodde aldri at hun skulle bo langt hjemmefra, eller at hun ikke skulle bli vekket av lyden av fugler om morgenen.



Umugabo we yahoraga yitotombera ikibazo cy'ubukene, maze atangira kuba umusinzi. Biyemeje kujya kugerageza amahirwe muri Porutigali. Ahari ho bari kuhabona amafaranga menshi yo kubaka inzu maze umuryango wabo ukazagira ejo heza.

...

Mannen hennes klaget alltid over mangelen på penger, og han begynte å drikke mye. De bestemte seg for å prøve lykken i Portugal. Kanskje de der kunne tjene mer penger til å bygge et hus og en bedre framtid for familien.



Yulia yatangiye kumenyera ubuzima bushya, maze atangira gukora akazi ko gukora amasuku. Abakoresha be bishimiye cyane uburyo akora akazi ke neza ndetse n'ikinyabupfura yagiraga. Ku rundi ruhande, umugabo we yakomeje kwitwara nabi. Kubera ubusinzi bwe, abakoresha ntibamwizeraga ngo bamuhe akazi.

...

Yulia tilpasset seg det nye hjemmet godt, og hun begynte å jobbe som hjemmehjelp. Kundene hennes satte virkelig pris på arbeidet hennes og den høflige innstillingen hennes. Mannen hennes, derimot, følte seg stadig mer oversett. På grunn av alkoholproblemet hans stolte ikke arbeidsgivere nok på ham til å gi ham arbeid.



Umunsi umwe, yatangiye gutonganya Yulia. Ndetse yatangiye kujya amukubita. Intonganya no kurwana byarushijeho gukabya, cyane cyane iyo yabaga yasinze. Yulia yari ahangayikiye ubuzima bwe n'ubw'umwana we, ariko ntiyari azi icyo yakora.

...

En dag begynte han å kjefte på Yulia. Senere begynte han å dytte henne. Volden økte med skriking og slag, særlig når han var full. Yulia var redd for seg selv og for datteren sin, men hun visste ikke hva hun skulle gjøre.



Ubwo Yulia yajyaga mu bitaro yavunitse akaboko, bamubwiye ko ihohoterwa rikorerwa mu ngo ari ikibazo gikomeye muri Porutigali. Banamubwiye kandi ko ari icyaha, akaba agomba kubibwira polisi.

...

Da Yulia omsider måtte dra til legevakten på sykehuset med brukket arm, fortalte de henne at partnervold var et stort problem i Portugal. De sa også at det var ulovlig, og at hun burde anmelde det til politiet.



Yulia yari arambiwe kandi ntiyashakaga ko umukobwa we akurira mu rugo ruhoramo urugomo. Yulia yasobanukiwe ko ibimenyetso by'ihohoterwa byahoze bihari n'ubwo byagaragaraga mu buryo butandukanye.

...

Yulia var utslitt og ville ikke at den lille datteren hennes skulle vokse opp i et hjem hvor hun var vitne til vold daglig. Yulia innså at tegnene på mishandling hadde vært der hele tiden, selv om de så veldig forskjellige ut.



Yulia yagiye mu kigo cyita ku bagore bahohotewe, aho yongeye kumva atekanye nyuma y'igihe kinini. Ntabwo yari aherutse kwiyumva atyo ubwo yajyaga akangurwa n'amajwi y'utunyoni mu gitondo.

...

Yulia dro til et krisesenter, hvor hun følte seg tryggere enn hun hadde gjort på lenge. Hun hadde ikke følt seg sånn siden hun ble vekket av lyden av fugler om morgenen.



LIDA Stories


lidastories.net

Amajwi y'utunyoni twa mu gitondo

Lyden av fugler om morgenen

 LIDA Portugal

 Vilius Aistis Vilimas

 Abisange Iragena Sandrine (rw), Espen Stranger-Johannessen (nb)

